


AMABWIRIZA Y'UMUBITSI MUKURU W'INYANDIKOMPAMO Z'UBUTAKA N° 001/DG/INSTR/2025 YO KU WA 31/01/2025 AGENGA SERIVISI ZITANGWA WIKORERA MU BIYANYE N'UBUTAKA	INSTRUCTIONS OF THE CHIEF REGISTRAR OF LAND TITLES N° 001/DG/INSTR/2025 OF 31st/01/2025 GOVERNING THE SERVICES PROVIDED BY A PRIVATE LAND NOTARY	DIRECTIVES DU CONSERVATEUR EN CHEF DES TITRES FONCIERS N° 001/DG/INSTR/2025 DU 31/01/2025 RELATIVES AUX SERVICES FONCIERS FOURNIS PAR UN NOTAIRE PRIVE
Umubitsi Mukuru w'Inyandikompamo z'Ubutaka, Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda cyane cyane mu ngingo yaryo ya 34; Ashingiye ku Itegeko n° 27/2021 ryo ku wa 10/06/2021 rigenga ubutaka cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23 n'ya 25; Ashingiye ku itegeko n° 13bis/2014 ryo ku wa 21/05/2014 rigenga umurimo w'Ubunoteri nk'uko ryavugururwe cyane cyane mu ngingo yaryo ya 10; Ashingiye ku Itegeko n° 027/2021 ryo ku wa 28/05/2021 rihindura itegeko n° 22/2012 ryo ku wa 15/06/2012 rigena itangazwa, imenyekanisha n'ikurikizwa by'in'yandiko za Leta nk'uko ryavugururwe kugeza ubu cyane cyane mu ngingo yaryo ya 5;	The Chief Registrar of Land Titles, Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in its article 34. Pursuant to the Law N° 27/2021 of 10/06/2021 governing land, especially in its articles 23 and 25; Pursuant to the Law no 13 bis/2014 of 21/05/2014 governing the office of Notary as amended, especially in its article 10; Pursuant to the Law n° 027/2021 of 28/05/2021 amending Law n° 22/2012 of 15/06/2012 determining the publication, notification and commencement of official acts, especially in its article 5;	Le Conservateur en Chef des titres fonciers, Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en son article 34; Vu la Loi N° 27/2021 du 10/06/2021 portant régime foncier, spécialement en ses articles 23 et 25; Vu la Loi n° 13bis/2014 du 21/05/2014 régissant la fonction de notaire telle que modifiée, spécialement en son article 10 ; Vu la Loi n° 027/2021 du 28/05/2021 modifiant la loi n° 22/2012 du 15/06/2012 déterminant la publication, la notification et l'entrée en vigueur des actes officiels, spécialement en son article 5;



Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 100/01 ryo ku wa 24/02/2017 rigena ingano y' amafaranga yishyurwa kuri serivisi zitangwa n'Umunoteri; Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri w'intebe n° 022/03 ryo ku wa 12/08/2022 rigenga ababitsi b'Inyandikompamo z'Ubutaka cyane cyane mu ngingo yayo ya 5 n'ya 9; Asubiye ku mabwiriza y'Umubitsi Mukuru w'Inyandikompamo z'ubutaka n° 685 yo ku wa 14/2/2022 agenga serivisi zitangwa n'umunoteri wikorera mu biyanye n'ubutaka; Inama y'Ababitsi b'Inyandikompamo z'Ubutaka yo kuwa 13 Ukuboza 2024 imaze kubisuzuma no kubyemeza; Ashyizeho amabwiriza akurikira: <u>Ingingo ya mbere:</u> icyo aya mabwiriza agamije Aya mabwiriza agena serivisi z'ubutaka zitangwa n'umunoteri wikorera mu biyanye n'ubutaka n'uburyo zitangwamo. <u>Ingingo ya 2:</u> Abarebwa n'aya mabwiriza Aya mabwiriza areba umunoteri wikorera wahawe n'Umubitsi Mukuru w'Inyandikompamo z'ubutaka ububasha bwo	Pursuant to the Presidential Order NO 100/01 of 24/02/2017 determining fees paid for notarial services; Pursuant to the Prime Ministerial Order N° 022/03 of 12/08/2022 governing Registrars of Land Titles, especially in its articles 5 and 9; Having reviewed the Instructions of the Chief Registrar of Land title No. 685 of February 14, 2022 governing the services provided by a private land notary; After consideration and approval by the Registrars council in its meeting of 13 December 2024 Issues the following instructions: <u>Article 1:</u> Purpose of these instructions These Instructions regulate the land services provided by a private land notary and determine the method of providing these services. <u>Article 2:</u> Scope of application of these instructions These instructions shall apply to a private notary authorized by the Chief Registrar of Land Titles to provide land-related services.	Vu l'Arrêté Présidentiel n°100/01 du 24/02/2017 fixant les frais des services de notariat ; Vu l'Arrêté du Premier Ministre N° 022/03 du 12/08/2022 régissant les conservateurs des titres fonciers, spécialement en ces articles 5 et 9 ; Revu les Directives N° 685 du 14 Février 2022 du Conservateur en chef des titres fonciers relatives aux services fournis par un notaire privé ; Après examen et adoption par le Conseil des Conservateurs des titres fonciers en sa séance du 13 Décembre 2024 ; Établit les directives suivantes : <u>Article premier :</u> Objet des présentes directives Les présentes directives déterminent les services fournis par le notaire privé en matière foncière et les modalités selon lesquelles il les fournit. <u>Article 2 :</u> Les personnes auxquelles s'appliquent ces directives Les présentes directives s'appliquent au notaire Privé qui a été autorisé à prêter les services de notariat en matière foncière.
--	---	--

gukora umurimo w'ubumoteri mu biyanye n'ubutaka.

Ingingo ya 3: Ububasha bw'umumoteri wikorera mu biyanye na serivisi z'ubutaka

Umumoteri wikorera ukora umurimo w'ubumoteri mu biyanye n'ubutaka afite ububasha bukurikirira:

1. Kwemeza no guhamya inyandiko z'iragye ku mutungo utimukanwa n'inyandiko zizitesha agaciro zakozwe na bene zo;
2. Kwemeza no guhamya amasezerano y'iherekanya ry'uburenganzira ku butaka kimwe n'undi mutungo utimukanwa uri ku butaka binyuze mu mpano, irage, ikodeshwa, ubugure, iyatisha, igurana, inshingano yo gutanga inzira ku butaka bw'undi bituruka ku miterere y'ahantu no gutiza ingwate;
3. Kwemeza no guhamya amasezerano y'ubufatanye ku nyubako ihuriweho n'abantu barenze umwe;
4. Kwemeza no guhamya izindi nyandiko ziyanye n'iherekanya ry'ubutaka ziteganywa n'amategako

Article 3: Powers of a private land notary

A private land notary authorized to provide land services has the following powers:

1. To authenticate and certify wills and deeds of inheritance and their cancellation drawn up by persons;
2. To authenticate and certify land and other immovable properties transfer agreements acquired through donation, inheritance, lease, sale, sub-lease, exchange, servitude, and mortgage agreements;
3. To authenticate and certify condominium agreements on a building jointly owned by more than one person;
4. To authenticate and certify other documents related to the transfer of land as may be provided for by the law.

Article 3 : Compétences du notaire privé en matière foncière

Le notaire privé en matière foncière a des compétences suivantes :

1. Certifier et légaliser les testaments portant sur des biens immeubles et les actes qui les annulent établis par les testateurs ;
2. Certifier et authentifier des contrats de transfert foncier et d'autres biens immeubles à travers la succession, la donation, le leg, l'héritage, le bail, la vente, la sous-emphytéose, l'échange, la servitude de passage et l'hypothèque ;
3. Certifier et légaliser les contrats relatifs aux immeubles en copropriété ;
4. Certifier et légaliser d'autres actes de transfert foncier prévus par la loi.





<u>Ingingo ya 4: Ibisabwa umunoteri wikorera usaba guhabwa ububasha bwo gukora umurimo w'ubunoteri mu biyanye n'ubutaka</u> Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko abigenga mu buryo bw'umwihariko, kugira ngo umunoteri wikorera ahabwe ububasha bwo gukora umurimo w'ubunoteri mu biyanye n'ubutaka agomba kuba yujuye ibi bikurikira: 1. Kuba afite uburambe nibura bw'imyaka itatu (3) mu byerekeranye n'umurimo w'ubunoteri mu Rwanda. Icyakora, abahoze ari abakozi ba Leta bafite nibura uburambe bw'imyaka itatu (3) mu biyanye na serivisi z'ubutaka bamaze kwemererwa kuba ba Noteri bikorera ariko bakaba bashakira kuba ba noteri mu by'ubutaka, bafite babyemererwa iyo babisabuye bitabaye ngombwa gutegereza igihe dosiye z'ikindi cyiciro cy'abanoteri bikorera mu biyanye n'ubutaka zizatangira kwakirwa. 2. Kuba afite ibiro bitarenze bimwe atangiramo serivisi z'ubutaka kandi bifite umwanya uhagije wo kwakiriramo abamugana n'ahabikwa inyandiko zashingiraho mu gutanga serivisi. Umunoteri wikorera mu biyanye n'ubutaka amenyesha Umubisi Mukuru w'Inyandikompani z'ubutaka ibiro	<u>Article 4: Conditions required for a private notary to practice notarial services in land matters</u> Without prejudice to the provisions of the applicable laws, in order for a private notary to be authorized to provide notarial services in land matters, he or she shall meet the following requirements: 1. Having at least three (3) years of experience in notarial services in Rwanda. However, a former civil servant with at least three (3) years of experience in land services who has been already authorized to exercise the function of a private notary who wishes to provide notarial services in land matters will be immediately admitted without waiting for the new applicants' request. 2. Having no more than one office he/she uses to provide land services with sufficient space to receive clients and keep land service supporting documents. A private land notary shall inform the Chief Registrar of Land Titles of the address of his or her current office (Village, Cell, Sector, District, and	<u>Article 4 : Conditions requises pour qu'un notaire privé soit admis à prêter les services de notaire en matière foncière</u> Sans préjudice des dispositions des lois applicables, pour qu'un notaire privé soit autorisé à prêter les services de notariat en matière foncière, il doit remplir les conditions suivantes : 1. Avoir au moins trois (3) ans d'expérience dans le service notarial au Rwanda. Toutefois, les anciens agents de l'Etat ayant au moins trois (3) ans d'expérience dans la prestation des services fonciers, ayant été autorisés à exercer la fonction de notaire privé et qui souhaitent prêter les services notariaux en matière foncière seront immédiatement admis sans attendre les demandes des nouveaux postulants. 2. Avoir un seul bureau permanent où il a décidé de fournir les services de notaire et disposant d'espace suffisant pour recevoir les clients et conserver les documents relatifs aux services fournis. Le notaire privé informe le Conservateur en Chef des Titres Fonciers de l'adresse de prestation et de son emplacement (Village,
---	--	--

akoreramo n'aho biherereye (Umudugudu, Akagari, Umurenge, Akarere n'Intara) ndetse n'ibipimo ndangahantu by'aho inyubako akoreramo iherereye; 3. Kuba afite ibikoresho by'ikoranabuhanga bigezeho birimo: a. Interineti yihuta; b. Imashini isikana inyandiko mu buryo bw'amabara; c. Imashini isohora impapuro; 4. Kuba afite uburyo bunozwe bwo kubika inyandiko zashingiweho mu gutanga serivisi z'ubutaka. 5. Kuba afite icyemezo cy'ya Minisitiri w'Ubutabera kimusabira kwemererwa gukora umurimo wa notariya mu by'ubutaka. Ku bahoze ari abakozi ba Leta bafite nibura uburambe bw'inyaka itatu (3) mu bijyanye na serivisi z'ubutaka bamaze kwemererwa kuba ba Noteri bikorera agomba kuba afite icyemezo cy'Umubitsi w'inyandikompamo z'Ubutaka wo mu ifasi y'aho yakoreraga kimusabira kwemererwa gukora umurimo wa notariya mu by'ubutaka.	Province) and the geographical coordinates of the building where he/she using to provide land services; 3. Having modern technological tools including: a. High-speed Internet; b. A colored document scanner; c. A printer 4. Having an effective system for keeping files used in providing land services. 5. Having a recommendation from the Ministry of Justice to practice as a private notary in land-related matters. For the former civil servant with at least three (3) years of experience in land services who has been already authorized to exercise the function of a private notary will provide the recommendation from the Registrar of land Titles of the zone where he/she served in land services.	Cellule, Secteur, District et Province) et en fournit également les coordonnées géographiques. 3. Être équipé des outils technologiques modernes incluant : a. Internet rapide b. Scanneur en couleur c. Imprimante 4. Disposer d'un système efficace de conservation des fichiers utilisés dans la prestation des services fonciers ; 5. Avoir une recommandation du Ministre de la Justice pour exercer la profession de notaire privé en matière foncière. Pour un ancien agent de l'Etat ayant au moins trois (3) ans d'expérience dans les services fonciers et qui a déjà été autorisé à exercer la fonction de notaire privé, il devra fournir la recommandation du Conservateur des titres fonciers de la zone où il a exercé ses fonctions dans les services fonciers.
---	---	--



<u>Ingingo ya 5: Gusaba guhabwa ububasha bwo gukora umurimo w'ubunoteri mu by'ubutaka</u> Umunoteri wikorera ushaka gukora umurimo w'ubunoteri mu biyanye n'ubutaka yandikira Umubisi Mukuru w'Inyandikompani z'ubutaka ibaruwa ibisaba iherekejwe n'ibindi byangombwa byose byerekana ko yujije ibisabwa biganyijwe mu ngingo ya 4 y'aya mabwiriza. Umubisi Mukuru w'Inyandikompani z'ubutaka atangaza igihe ntarengwa cyo kwakira ubusabe bw'abifuza guhabwa ububasha bwa noteri mu biyanye n'ubutaka. <u>Ingingo ya 6: Ibikubiye muri dosiye y'usaba kuba umunoteri wikorera mu biyanye n'ubutaka</u> Dosiye y'usaba kuba umunoteri wikorera mu biyanye n'ubutaka igomba kuba ikubiyemo ibi bikurikira: 1. Ibaruwa isaba yandikiwe Umubisi Mukuru w'Inyandikompani z'ubutaka; 2. Fotokopi y'ibiranga usaba; 3. Icyemezo cy'a Minisitiri w'ubutabera gisabira umunoteri kwemererwa	<u>Article 5: Application for authorization to provide land notary services</u> A private notary who wishes to provide land notary services shall send to the Chief Registrar of Land Titles the application letter accompanied by all required documents set out in Article 4 of these instructions. The Chief Registrar of Land Titles shall announce the deadline for receiving applications from those wishing to obtain authorization to provide land services. <u>Article 6: Contents of the application file</u> The application file of private land notary shall include the following: 1. Application letter addressed to Chief Registrar of Land Titles; 2. Photocopy of the applicant's identity; 3. Recommendation from the Minister of Justice to practice as a private notary in	<u>Article 5 : Demande d'autorisation pour prêter les services notariaux en matière foncière</u> Le notaire privé qui désire prêter les services notariaux en matière foncière adresse sa demande au Conservateur en Chef des Titres Fonciers. Celle-ci est accompagnée de tous les documents requis prévues à l'Article 4 des présentes instructions. Le Conservateur en Chef des Titres Fonciers annonce la date limite de réception des demandes de ceux qui souhaitent obtenir l'autorisation de prêter les services notariaux en matière foncière. <u>Article 6 : Contenu du dossier</u> Le dossier de demande de notaire foncier privé doit contenir les éléments suivants : 1. Une lettre de demande adressée au Conservateur en Chef des Titres Fonciers ; 2. Une photocopie de la carte d'identité du demandeur ;
---	--	--



gukora umurimo wa notariya mu by'ubutaka kitarengeje ibyumweru bibiri (2); 4. Ku bahoze ari abakozi ba leta bakora muri serivisi z'ubutaka, icyemezo cy'Umubitsi w'Inyandikompamo z'ubutaka w'Ifasi uwo mukozi akoreragamo gisabira umunoteri kwemererwa gukora umurimo wa notariya mu by'ubutaka kitarengeje ibyumweru bibiri (2); 5. Ifoto ngufi y'amabara iarengeje amezi atatu (3); 6. icyemezo cyo kutabamo umwenda w'imisoro; 7. Ifoto y'inyubako akoreramo n'aho ihereye (Umudugudu, Akagari, Umurenge, Akarere n'Intara) ndetse n'ibipimo ndangahantu by'aho inyubako akoreramo ihereye; 8. Inomero ya telefoni na imeyiri akoresha.	land-related matters which is valid for two (2) weeks; 4. For former public servants in land services, a Recommendation from the Registrar of Land Titles of the zone where he operated to practice as a private notary in land-related matters which is valid for two (2) weeks 5. A colored passport photo valid for three (3) months; 6. Tax clearance certificate; 7. A photo of the building in which he/she has office and its location (Village, Cell, Sector, District and Province) and the geographical coordinates of the building where he/she using to provide land services; 8. Telephone number and email address.	3. Une recommandation du Ministre de la justice délivré dans un délai ne dépassant pas deux (2) semaines ; 4. Pour les anciens fonctionnaires des services fonciers, une Recommandation du Conservateur des Titres Fonciers de la zone où il opérait pour exercer la profession de notaire privé. 5. Une photo passeport en couleur ne dépassant pas trois (3) mois ; 6. Une attestation de régularité fiscale ; 7. Une photo du bâtiment dans lequel il a son bureau et de sa localisation (province, district, secteur, cellule, village, rue) ainsi que ses coordonnées géographiques ; 8. Une adresse téléphonique et électronique
<u>Ingingo ya 7: Gusuzuma ubusabe</u> Umubitsi Mukuru w'Inyandikompamo z'ubutaka asuzuma ubusabe bw'usaba kuba umunoteri wikorera mu by'ubutaka akurikije	<u>Article 7: Examination of the application</u> The Chief Registrar of Land Titles examines the request of the private notary who seeks authorization to provide land services in accordance	<u>Article 7 : Examen du dossier</u> Le Conservateur en Chef des Titres foncier examine la requête du notaire privé qui demande l'autorisation de prêter les services



ibiteganywa n'aya mabwiriza ndetse n'andi mategeko abigenga.

with the provisions of these directives and other related laws

notariaux en matière foncière conformément aux dispositions des présentes directives et des autres lois y relatives.

Ingingo ya 8: Gutangaza urutonde rw'agateganyo rw'abanoteri bikorera mu biyanye n'ubutaka

Article 8: Publication of the provisional list of private land notaries

Article 8 : Publication de la liste provisoire des notaires privés en matière foncière

Umubisi Mukuru w'inyandikompamo z'ubutaka atangaza urutonde rw'agateganyo rw'abujije n'abatujije ibisabwa mu gihe kingana n'iminsi mironko itatu (30) uhereye igihe itariki ntarengwa yo kwakira ubusabe yarangiriyeye.

The Chief Registrar of Land Titles publishes a provisional list of those who meet the requirements and those who do not meet the requirements within thirty (30) days after the expiration of the deadline for receiving the application.

Le Conservateur en chef des titres fonciers publie la liste provisoire de ceux qui remplissent les conditions et de ceux qui ne les remplissent pas dans les trente (30) jours suivant l'expiration du délai de réception des demandes.

Utishimiye icyemezo cyafashwe ku busabe bwe, ajuririra Umubisi Mukuru w'inyandikompamo z'ubutaka mu gihe kiarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye ku muni urutonde rw'agateganyo rwatangarijwe.

A person who is not satisfied with the decision taken on his/her application may appeal to the Chief Registrar of Land Titles within a period not exceeding five (5) working days from the date of publication of the provisional list.

Celui ou celle qui n'est pas satisfait(e) de la décision prise sur sa demande peut faire appel au Conservateur en Chef des titres fonciers dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours ouvrables à compter de la date de publication de la liste provisoire.

Ingingo ya 9: Gutangaza urutonde rwa burundu rw'abanoteri bikorera bemerewe gukora umurimo w'ubunoteri mu biyanye n'ubutaka

Article 9: Publication of the final list of authorized private land notaries

Article 9 : Publication de la liste définitive des notaires privés autorisés en matière foncière

Nyuma yo gusuzuma ubujurire cyangwa icyo nta bujuriye bwatanzwe mu gihe kivugwa mu ngingo ya 8 y'aya mabwiriza, Umubisi Mukuru w'inyandikompamo z'ubutaka atangaza urutonde rwa burundu rw'abanoteri bikorera bemerewe gukora umurimo

After examining the appeal or if no appeal is filed within the period referred to in article 8 of these instructions, the Chief Registrar of Land Titles publishes the final list of authorized private land notaries within a period not exceeding ten (10)

Après examen des recours ou si aucun recours n'a été introduit dans le délai mentionné à l'article 8 des présentes directives, le Conservateur en Chef des Titres Fonciers publie la liste définitive des notaires privés autorisés à prêter les services notariaux en matière





w'ubunoteri mu bijyanye n'ubutaka mu gihe kiarenze iminsi icumi (10) y'akazi uhereye igihe itariki ntarengwa yo kwakira ubujurire yarangirye.	working days from the expiration of the deadline of receiving appeals.	foncières dans un délai ne dépassant pas dix (10) jours ouvrables à compter de la fin du délai de réception des recours.
<u>Ingingo ya 10: Itangira ry'imirimo y'Ubunoteri mu bijyanye n'ubutaka</u>	<u>Article 10: Taking office as a private land notary</u>	<u>Article 10 : Début de l'exercice de la fonction de notaire privé en matière foncière</u>
Umunoteri wikorera wahawe ububasha bwo gukora umurimo w'ubunoteri mu bijyanye n'ubutaka atangira imirimo ye ari uko amaze guhabwa n'Umubisi Mukuru w'inyandikompano z'ubutaka icyemezo kimuha uburenganzira bwo gutanga serivisi z'ubutaka no gukoresha rejisitiri y'ubutaka. Icyo cyemezo gifite agaciro cy'igihe kiarenze umwaka umwe (1).	A private notary who has been authorized to perform notarial services in land matters shall commence his/her duties only after he/she has been issued by the Chief Registrar of Land titles a certificate authorizing him/her to provide land services and giving access to the land registry. This certificate shall be valid for a period not exceeding one (1) year.	Le notaire privé qui a été autorisé à prêter les services notariaux en matière foncière ne débutera dans ses fonctions qu'après avoir reçu du Conservateur en chef des titres fonciers un certificat l'autorisant à prêter des services notariaux en matière foncière et à accéder au registre foncier. Le certificat a une validité n'excédant pas une (1) année.
Icyemezo kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gitangwa nyuma yo kwishyura amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri (200,000 frw) adasubizwa yo kwiyandikisha. Ayo mafaranga anyuzwa kuri konti yabugenewe y'Ikigo gifite serivisi z'ubutaka mu nshingano.	The certificate referred to in the first paragraph of this article is issued after payment of a non-refundable amount of two hundred thousand Rwandan francs (200,000 RWF). The said amount is paid into the account provided by the Office which has land services in its attributions.	Le certificat visé au premier alinéa du présent article est délivré après paiement d'un montant de deux cents mille francs rwandais (200.000 frw) non remboursables. Le dit montant est versé au compte fourni par l'Office qui a des services fonciers dans ses attributions.
Mbere yo gutangira imirimo y'ubunoteri mu bijyanye n'ubutaka n'ikindi gihe bibaye ngombwa, umunoteri wikorera mu bijyanye n'ubutaka agomba kwitabira amahungurwa yerekeranye na serivisi z'ubutaka.	Before starting notarial services in land matters and whenever necessary, a private land notary must attend training on land services.	Avant de commencer la fonction de notaire privé en matière foncière et chaque fois que cela s'avère nécessaire, le notaire privé en matière foncière doit suivre une formation sur les services fonciers.
Umunoteri utaritabiriyeho amahungurwa avugwa mu gika cya gatanu cy'iyi ngingo ntivyemererwa	Notary who has not attended the training referred to in paragraph three of this article is not authorized to	Le notaire privé en matière foncière qui s'absente dans la formation dont fait question à

gukoresha rejisitiri y'ubutaka. Muri icyo gihe, ategereza ko habaho ikindi cyiciro kizahugurwa nawe akitabira amahugurwa hanyuma akaba aribwo yemererwa gutangira gukoresha rejisitiri y'ubutaka.

Ingingo ya 11: Kuvugurura urutonde rw'abanoteri bikorera mu biyanye n'ubutaka

Bitarenze tariki ya mironko itatu n'imwe (31) Ukuboza ya buri mwaka, Umubitsi Mukuru w'Inyandikompano z'ubutaka atangaza urutonde ruvuguruye rw'abanoteri bikorera mu biyanye n'ubutaka bemewe. Urwo rutonde rutangazwa ku rubuga rw'Ikigo gifite serivisi z'ubutaka mu nshingano.

Noteri wikorera mu biyanye n'ubutaka wifuza gukomeza gukora umurimo w'umunoteri mu biyanye n'ubutaka yishyura amafaranga avugwa mu ngingo ya 10 y'aya mabwiriza bitarenze tariki ya 15 Ukuboza ya buri mwaka kugira ngo ashyirwe ku rutonde ruvuguruye.

Buri munoteri washyizwe ku rutonde ruvuguruye, ahabwa icyemezo gishya kimuha uburenganzira bwo gukomeza gutanga serivisi z'ubutaka no gukoresha rejisitiri y'ubutaka.

provide land services and to access the land registry. In that case, he/she must wait until another training session is held before being authorized to start using the land registry.

Article 11: Updating the list of private land notaries

Not later than the thirty-first (31) of December of each year, the Chief Registrar of Land Titles shall publish a revised list of authorized private land notaries. This list shall be published on the website of the Authority in charge of land services.

A private land notary who wishes to continue to practice as a notary in land matters shall pay the fees referred to in Article 10 of these instructions not later than the 15th of December in order to be registered in the updated list.

A land notary appearing on the updated list shall be issued with a new certificate authorizing him or her to continue providing land services and access the land registry.


l'alinéa précédent n'aura pas accès au registre foncier. Dans ce cas, il devra attendre la prochaine session de formation pour être admis à utiliser le registre foncier.


Article 11 : Mise à jour de la liste des notaires privés en matière foncière

Au plus tard le trente et un (31) décembre de chaque année, le Conservateur en Chef des Titres Fonciers publie la liste actualisée des notaires privés en matière foncière. Cette liste est publiée sur le site Internet de l'Office ayant les services fonciers dans ses attributions.

Le notaire privé en matière foncière qui souhaite continuer à prêter ses services devra s'acquitter des frais visés à l'article 10 des présentes directives au plus tard le 15 décembre de chaque année pour être inscrit sur la liste mise à jour.


Le notaire privé en matière foncière figurant sur la liste mise à jour se verra délivrer un nouveau certificat l'autorisant à continuer à prêter les services fonciers et à accéder au registre foncier.






Ingingo ya 12. Ibigomba kubahirizwa n'umunoteri mu gihe cyo kwemeza amasezerano	Article 12. Modalities of legalizing the transfer of land ownership	Article 12 : Modalités de légalisation du transfert de propriété foncière
Mu gihe noteri wikorera atanga serivisi z'ubutaka agomba kubahiriza ibi bikurikira:	When Private land notary provides land services, he/she must comply with the following:	Pendant la prestation des services notariaux en matière foncière, le notaire doit :
1. Kuba yambaye ikarita y'akazi ndetse akamanika n'ifoto ye mu biro akoreramo;	1. Wearing his/her service card and displaying his/her photo in the office;	1. Porter sur lui la carte de notaire et afficher sa photo dans son bureau ;
